Nihe wasanga ibitabo byo mu zindi ndimi?

The Millennium Library
251 Donald Street
Winnipeg, Manitoba, R3C 3P5
Phone: 204-986-6432




Niba umwana wawe bimugora kumva no kuvuga urulimi mukoresha mu rugo ndetse n'Icyongereza ashobora kuba akeneye ubufasha bwihariye bw'inzobere mu bibazo byo kuvuga. Biganireho na mwalimu.

***Ubufasha kubimukira***

Immigrant Women`s Association of Manitoba, Inc
*(Ishyirahamwe ry'abagore b'abimukira muri Manitoba)*
University of Winnipeg Library
*(Isomero ry'ibitabo rya Iniversite ya Winnipeg)*
4th floor- 515 Portage Avenue
Winnipeg, Mb. R3B 2E9
Tel: 989 5800

Immigrant Centre Manitoba
100 Adelaide Street
Winnipeg, MB R3A 0W2
Tel:943 9158

***Ubufasha ku mpunzi***

Manitoba Interfaith Immigration Council
Welcome Place
397 Carlton Street
Winnipeg, Mb. R3B 2K9
Tel: 977 1000

Needs Centre for War Affected Families
251 A Notre Dame Avenue
Winnipeg, Mb. R3B 1N8
Tel: 940 1260

***Ikigo Nderabuzima:***

Mount Carmel Clinic
886 Main Street
Winnipeg, MB. R2W 5L4

# MUVUGA URUNDI RULIMI MU RUGO?

Kinyarwanda



WINNIPEG SCHOOL DIVISION
Child Guidance Clinic
*(Akarere k'Amashuli ka Winnipeg)*
*(Ikigo giha abana ubuyobozi)*

# IBIBAZO BIKUNZE KUBAZWA

**1.Icyongereza si urulimi rwacu rwa kavukire.Ni ngombwa kuvugisha abana bacu Icyongereza?**

Oya. Ganiriza abana bawe mu rulimi wumva kurusha izindi.Abana bakeneye kumva ingero z'urulimi ruvugwa neza mu rugo.

**2.Ese abana bacu ntibazamenya Icyongereza vuba niba tugikoresha mu rugo?**

Singombwa.Abana bazi neza urulimi rwabo rwa kavukire biga vuba urulimi rushya (Icyongereza)

**3.Umugabo wanjye nanjye tuvuga indimi zitandukanye ni uruhe rulimi tugomba kuvugisha abana bacu?**

Buri wese agomba kuvuga urulimi azi neza.Ibi bishaka kuvuga ko nyina azavugisha abana mu rulimi rwe na se akabavugisha mu rundi rulimi.

**4.Ese kwiga indimi ebyiri ntibizatera umwana wanjye urujijo?**

Oya.Abana ku isi yose bashobora kwiga indimi zirenze rumwe.Kuvuga indimi nyinshi ni akarusho.

**5.Abana banjye ntibashaka kuvuga urulimi rwacu mu rugo.Twakora iki?**

Mushobora gukomeza kuvuga urulimi rwanyu kabone naho abana bahitamo kwivugira Icyongereza.

**6.Kuki twakomeza kuvuga urulimi rwacu rwa kavukire kandi dusigaye tuba muri Canada/Winnipeg?**

Urulimi ni kimwe mu bintu ndangamuco na ndangamurage bikomeye.Gukomeza kuvuga urulimi rwa kavukire bizafasha abana banyu kwiga amateka n'umuco kandi bagumane imishyikirano na bakuru babo.

**7.Nakora iki ngo mfashe umwana wanjye gukoresha urulimi rwacu rwa kavukire mu rugo?**

- Ganiriza umwana wawe
- Somera umwana wawe buri munsi
- Tera inkunga umwana wawe kukubwira udukuru tujyanye n'amafoto ari mu gitabo.
- Temberana n'umwana kandi muganire ku bibakikije.
- Mubwire amakuru yo mu muryango
- Koresha amagambo mashya, kandi kenshi
- Subiramo ibyo umwana avuze kandi ugire icyo wongeraho
- Reba umwana wawe mu maso igihe umuganiriza
- Ganiriza umwana wawe kubyo ari gukora
- Musobanurire ibyo wowe uri gukora
- Mwumve indirimbo ,muririmbire hamwe

